Impamvu atanga ni uko izina MADAMU rimutera ipfunwe naho izina Natacha Peace rikaba ari izina yabatijwe;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina MADAMU izina **KALIZA** naho izina Bright akarisimbuza izina **Natacha Peace** ku mazina asanganywe MADAMU Bright bityo akitwa **KALIZA Natacha Peace** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MPENZI Ronald RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MPENZI Ronald mwene NYAMUTERA Frank na MUKABARANGA Margaret, utuye mu Mudugudu wa Gihorobwa, Akagari ka Rutaraka, Umurenge wa Nyagatare, Akarere ka Nyagatare mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telefone N° 0780470156;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura izina MPENZI, akarisimbuza izina TUMUSIME, no guhindura izina Ronald akarisimbuza izina Godfrey mu mazina asanganywe MPENZI Ronald akitwa **TUMUSIME Godfrey** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina TUMUSIME ari izina ry'umuryango wabo naho izina Godfrey akaba yararibatijwe mu idini y'Abangirikani.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura amazina MPENZI Ronald akayasimbuza amazina **TUMUSIME Godfrey** bityo akitwa **TUMUSIME Godfrey** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA TWIRINGIYIMANA RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa TWIRINGIYIMANA mwene MUSHIMIYIMANA utuye mu Mudugudu wa Gisiza, Akagari ka Mpinga, Umurenge wa Rugendabari, Akarere ka Muhanga mu Ntara y'Amajyepfo, uboneka kuri telefone N° 0724966511;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura izina asanganywe TWIRINGIYIMANA, akarisimbuza amazina **MUKANGABIRE Florence**, bityo akitwa **MUKANGABIRE Florence** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko ababyeyi be bamwise MUKANGABIRE Florence ariko kubera ko atakuranye na bo, sekuru yamubaruje yitwa TWIRINGIYIMANA none akaba asaba kwitwa amazina yiswe n'ababyeyi be.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina TWIRINGIYIMANA amazina **MUKANGABIRE Florence**, bityo akitwa **MUKANGABIRE Florence** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA KANYABUGUGU Frédéric RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa KANYABUGUGU Frédéric mwene RWABIGWI Claude na MUKARUTAMU utuye mu Mudugudu wa Munini, Akagari ka Cyivugiza, Umurenge wa Nyamirambo, Akarere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone N° 0788669241;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura izina KANYABUGUGU mu mazina asanganywe, KANYABUGUGU Frédéric akitwa **BUGINGO Frédéric** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina KANYABUGUGU ari irigenurano kandi rimutera ipfunwe mu muryango nyarwanda.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura izina KANYABUGUGU akarisimbuza izina BUGINGO mu mazina asanganywe, KANYABUGUGU Frédéric, bityo akitwa **BUGINGO Frédéric** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MURERWA Dative RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MURERWA Dative mwene NZABAMWITA Nazal na MUTESI Vivian, utuye mu Mudugudu wa Mukoni, Akagari ka Kamashashi, Umurenge wa Nyarugunga, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone N° 0783824538/0788308535;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Dative izina **Darlene** ku mazina asanganywe, MURERWA Dative akitwa **MURERWA Darlene** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina Darlene ari izina yabatijwe ndetse akanarikoresha ku nyandiko ze z'ishuri.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Dative izina **Darlene** ku mazina asanganywe, MURERWA Dative bityo akitwa **MURERWA Darlene** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA BUTOTO Jackline RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa BUTOTO Jackline mwene BIRENZI MUYUKU Jacques na NYIRAKIRINDO Helene, utuye mu Kagari ka Buranga, Umurenge wa Mururu, Akarere ka Rusizi mu Ntara y'Iburengerazuba, uboneka kuri telefone N° 0788614747;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Jackline izina **BIRENZI** ku mazina asanganywe, BUTOTO Jackline akitwa **BUTOTO BIRENZI** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina BIRENZI ari izina ry'umuryango.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Jackline izina **BIRENZI** ku mazina asanganywe, BUTOTO Jackline bityo akitwa **BUTOTO BIRENZI** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA HAKIZIMANA Samuel RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa HAKIZIMANA Samuel mwene HAKIZIMANA Appolinaire na MUKARWEGO Esperance, utuye mu Mudugudu wa Ryamanyoni, Akagari ka Ryamanyoni, Umurenge wa Murundi, Akarere ka Kayonza mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telefone N° 0782195538/0783753411;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **Appolinaire** ku mazina asanganywe, HAKIZIMANA Samuel akitwa **HAKIZIMANA Samuel Appolinaire** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina Appolinaire ari izina rya se ashaka kwitwa.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **Appolinaire** ku mazina asanganywe, HAKIZIMANA Samuel, bityo akitwa **HAKIZIMANA Samuel Appolinaire** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NDATIMANA RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NDATIMANA mwene NKIRANUYE Emmanuel na NYIRAMBONIGABA Jacqueline, utuye mu Kagari ka Kicukiro, Umurenge wa Kicukiro, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone N° 0787964259;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **Prince** ku izina asanganywe, NDATIMANA akitwa **NDATIMANA Prince** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina Prince ari izina yabatijwe mu idini ry'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **Prince** ku izina asanganywe, NDATIMANA, bityo akitwa **NDATIMANA Prince** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUSAMARIYA RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MUSAMARIYA mwene GATSIMBANYI Alphonse na NYIRANGENDA HAYO, utuye mu Mudugudu wa Munyege, Akagari ka Mucaca, Umurenge wa Nemba, Akarere ka Gakenke mu Ntara y'Amajyaruguru ;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina MUSAMARIYA izina **MUJAWAMARIYA** no kongera izina **Médiatrice** ku izina asanganywe, MUSAMARIYA akitwa **MUJAWAMARIYA Médiatrice** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina MUJAWAMARIYA yaryiswe ari muto ariko rikandikwa nabi mu ibarura naho izina Médiatrice rikaba ari izina yabatijwe mu Idini Gatolika.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina MUSAMARIYA izina **MUJAWAMARIYA** no kongera izina **Médiatrice** ku izina asanganywe, MUSAMARIYA akitwa **MUJAWAMARIYA Médiatrice** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MURAGIJIMANA SHEMA Martin  
RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MURAGIJIMANA SHEMA Martin mwene CYIZA Antoine na NYIRABAKIRE Julienne, utuye mu Mudugudu wa Kigarama, Akagari ka Kigarama, Umurenge wa Katabagemu, Akarere ka Nyagatare mu Ntara y'Iburasirazuba;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina MURAGIJIMANA izina **Jose** ku mazina asanganywe, MURAGIJIMANA SHEMA Martin akitwa **SHEMA Jose Martin** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina Jose ari izina yabatijwe anarikoresha mu byangombwa bye by'ishuri.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina MURAGIJIMANA izina **Jose** ku mazina asanganywe, MURAGIJIMANA SHEMA Martin, bityo akitwa **SHEMA Jose Martin** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MBABAJENDE Boniface  
RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MBABAJENDE Boniface mwene FUNDI Jacques na NYIRANSANZABAGANWA Rachel, utuye mu Mudugudu wa Karubona, Akagari ka Buhimba, Umurenge wa Rusatira, Akarere ka Huye mu Ntara y'Amajyepfo, uboneka kuri telefone 0783687041/0738730703;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe, MBABAJENDE Boniface, akayasimbuza MBABARIYE Pacifique maze akitwa **MBABARIYE Pacifique**;

Impamvu atanga ni uko amazina MBABARIYE Pacifique ariyo yabatijwe ndetse akaba ari nay o yigiyeho.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura amazina asanganywe, MBABAJENDE Boniface, akayasimbuza MBABARIYE Pacifique bityo akitwa **MBABARIYE Pacifique** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA IRADUKUNDA Christel RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa IRADUKUNDA Christel mwene HABIMANA Eric na BIHOYIKI Phoebe, utuye mu Mudugudu w'Ubumwe, Akagari ka Kimihurura, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone 0785351208;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Christel izina **Steven** ku mazina asanganywe IRADUKUNDA Christel akitwa **IRADUKUNDA Steven** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina Christel rimutera ipfunwe kuko ari iry'abakobwa kandi ari umuhungu.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Christel izina **Steven** mu mazina asanganywe IRADUKUNDA Christel bityo akitwa **IRADUKUNDA Steven** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUKANDAYISENGA MARIE RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MUKANDAYISENGA Marie mwene RUGEMINTWAZA Sylvestre na MUKAMAZIMPAKA Antoinette, utuye mu Mudugudu wa Karaba, Akagari ka Nyabisindu, Umurenge wa Kiramuruzi, Akarere ka Gatsibo mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telefone 0786715759/0787875432;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Marie izina **Médiatrice** ku mazina asanganywe MUKANDAYISENGA Marie akitwa **MUKANDAYISENGA Médiatrice** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina **Médiatrice** ari izina yabatijwe anarikoresha mu byangombwa bye by'ishuri.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Marie izina **Médiatrice** ku mazina asanganywe MUKANDAYISENGA Marie bityo akitwa **MUKANDAYISENGA Médiatrice** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka



**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MURINDAHABI ROSINE RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MURINDAHABI Rosine mwene MURINDAHABI Raphael na INGABIRE Marie Claire, utuye mu Mudugudu wa Bamporeze II, Akagari ka Busanza, Umurenge wa Kanombe, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone 0788455885/078856414;

Yasabye uburenganzira bwo kongera amazina INEMA Gloria ku mazina asanganywe MURINDAHABI Rosine akitwa **INEMA MURINDAHABI ROSINE Gloria** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina **Gloria** ari izina yabatijwe naho izina INEMA akaba ari izina yiswe n'ababyeyi ariko ntiryagaragara mu Irangamimerere ye;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera amazina INEMA Gloria mu mazina asanganywe, MURINDAHABI Rosine, bityo akitwa **INEMA MURINDAHABI ROSINE Gloria** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA TUYISHIMIRE Paul RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa TUYISHIMIRE Paul mwene RWARINDA na NYIRANSANZIMANA, utuye mu Mudugudu wa Cyamburara, Akagari ka Buhabwa, Umurenge wa Murundi, Akarere ka Kayonza mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telefone 0780947803/0785824033;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza amazina TUYISHIMIRE Paul amazina NSHIMIYUMUKIZA Celestin ku mazina asanganywe TUYISHIMIRE Paul akitwa **NSHIMIYUMUKIZA Celestin** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko amazina NSHIMIYUMUKIZA Celestin yayiswe ari muto ariko ntiyandikwa mu gitabo cy'Irangamimerere.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza amazina TUYISHIMIRE Paul amazina NSHIMIYUMUKIZA Celestin bityo akitwa **NSHIMIYUMUKIZA Celestin** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MWISENEZA Jean Claude RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MWISENEZA Jean Claude mwene KANANURA Constance na KANAKUZE Leonie, utuye mu Mudugudu wa Kaziba, Akagari ka Nganda, Umurenge wa Musasa, Akarere ka Kirehe mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telefone 0785505968;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Jean Claude izina **Blandon** ku mazina asanganywe MWISENEZA Jean Claude, akitwa **MWISENEZA Blandon** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko yiswe izina **Blandon** igihe abatizwa, aza kuryandikisha mu ishuri mu mwanya w'izina Jean Claude yari yariswe mbere y'uko abatizwa, akaba yarize amashuri abanza arikoresha, nyuma mu mashuri yisumbuye aza gukoresha izina Blandon, bityo yitwa **MWISENEZA Blandon**.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Jean Claude izina **Blandon** ku mazina asanganywe MWISENEZA Jean Claude, bityo akitwa **MWISENEZA Blandon** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA HABIMANA Jean Claude RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa HABIMANA Jean Claude mwene NDAGIJIMANA Abraham na NYIRANSABIMANA Sarah, utuye mu Mudugudu w'Ubutabazi, Akagari ka Kivumu, Umurenge wa Gisenyi, Akarere ka Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba, uboneka kuri telefone 0789422482/0738422482;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **ISHIMWE** ku mazina asanganywe HABIMANA Jean Claude, akitwa **HABIMANA ISHIMWE Jean Claude** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina ISHIMWE ari izina yiswe n'ababyeyi be ariko ntiryandikwa mu irangamimerere, akaba ashaka ko ryakongerwa ku mazina ye.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **ISHIMWE** ku mazina asanganywe HABIMANA Jean Claude, bityo akitwa **HABIMANA ISHIMWE Jean Claude** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA BARIGYE KAYOMBYA Sam RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa BARIGYE KAYOMBYA Sam mwene KAYOMBYA John na KARIRE Josephine, utuye mu Mudugudu wa Masaka, Akagari ka Cyimo, Umurenge wa Masaka, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone N° 0785035088;

Yasabye uburenganzira bwo gukura izina KAYOMBYA ku mazina asanganywe BARIGYE KAYOMBYA Sam, akitwa **BARIGYE Sam** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina BARIGYE ari izina yiyise kugira ngo yisanishe n'abagande abone uko yiga.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gukura izina KAYOMBYA ku mazina asanganywe BARIGYE KAYOMBYA Sam, bityo akitwa **BARIGYE Sam** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NZAMUKURIZAHE Speciose RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NZAMUKURIZAHE Speciose mwene NSENGIYUMVA David na SABAGIRIRWA Felicita, utuye mu Mudugudu wa Kamugaru, Akagari ka Bunyogombe, Umurenge wa Ruhango, Akarere ka Ruhango mu Ntara y'Amajyepfo, uboneka kuri telefone N° 0784613436;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura izina NZAMUKURIZAHE mu mazina asanganywe NZAMUKURIZAHE Speciose, akarisimbuza NZAYINAMBAHO maze akitwa **NZAYINAMBAHO Speciose** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina NZAMUKURIZAHE rimutera ipfunwe mu bandi.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura izina NZAMUKURIZAHE mu mazina asanganywe, NZAMUKURIZAHE Speciose, akarisimbuza NZAYINAMBAHO bityo akitwa **NZAYINAMBAHO Speciose** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA UGENEWIMANA Vestine RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa UGENEWIMANA Vestine mwene NIYONGIRA Diyonizi na NYIRAMAJYAMBERE Leonille, utuye mu Mudugudu wa Ramiro, Akagari ka Karambo, Umurenge wa Gatenga, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone N° 0781883263;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina UGENEWIMANA izina **NZARAMBA NO KONGERA izina Nancy** ku mazina asanganywe UGENEWIMANA Vestine, akitwa **NZARAMBA Nancy Vestine** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina UGENEWIMANA rimutera ipfunwe akaba ashaka kurisimbuza izina rya sekuru naho izina Nancy akaba yararibatijwe.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina UGENEWIMANA izina **NZARAMBA** no kongera izina **Nancy** ku mazina asanganywe UGENEWIMANA Vestine, bityo akitwa **NZARAMBA Nancy Vestine** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA DUKUZUMUREMYI Jean Baptiste RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa DUKUZUMUREMYI Jean Baptiste mwene NTIBAKUNDIRANA Isaïe na UWAMARIYA Beatrice, utuye mu Mudugudu wa Murama II, Akagari ka Murehe, Umurenge wa Gahara, Akarere ka Kirehe, mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telephone n° 0782008680/0782360353;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina **Baptiste** izina **Bosco** mu mazina asanganywe, DUKUZUMUREMYI Jean Baptiste akitwa **DUKUZUMUREMYI Jean Bosco** mu Irangamimerere;

Impamvu itangwa ni uko izina Bosco ari izina yiswe kuva akivuka aranaribatizwa.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina **Baptiste**, izina **Bosco**, mu mazina asanganywe, DUKUZUMUREMYI Jean Baptiste, bityo akitwa **DUKUZUMUREMYI Jean Bosco** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA SEGAWHEGE Fred RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa SEGAWHEGE Fred mwene RUTAGARAMA Augustin na MUKAKIGERI Esperance, utuye mu Mudugudu wa Nyakaliba, Akagari ka Musezero, Umurenge wa Gisozi, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, uboneka kuri telephone n° 0788514629;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **Nicolas** ku mazina asanganywe SEGAWHEGE Fred akitwa **SEGAWHEGE Fred Nicolas** mu Irangamimerere.;

Impamvu atanga ni uko izina Nicolas ari izina yabatijwe.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **Nicolas** ku mazina asanganywe, SEGAWHEGE Fred, bityo akitwa **SEGAWHEGE Fred Nicolas** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA HITIMANA DUFITIMANA Aimable RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa HITIMANA DUFITIMANA Aimable mwene HITIMANA Eugene na NYIRAHABIYAMBERE Lydie, utuye mu Mudugudu wa Gasharu, Akagari ka Kibagabaga, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telephone n° 0788533782;

Yasabye uburenganzira bwo kuvanaho izina HITIMANA ku mazina asanganywe HITIMANA DUFITIMANA Aimable, akitwa **DUFITIMANA Aimable** mu Irangamimerere.;

Impamvu atanga ni uko izina HITIMANA ritagaragara mu byangombwa bye by'ishuri ko byaba byiza ahuje amazina aboneka ku ndangamuntu n'ari mu byangombwa by'ishuri.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kuvanaho izina HITIMANA ku mazina asanganywe, HITIMANA DUFITIMANA Aimable, bityo akitwa **DUFITIMANA Aimable** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NOHERI Alphonse RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NOHERI Alphonse mwene BIMENYIMANA Alexandre na NYIRAMABOYI Olive, utuye mu Mudugudu wa Gishara, Akagari ka Kagitumba, Umurenge wa Matimba, Akarere ka Nyagatare, mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telephone n° 0787770153/0784882783/0785048118;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Alphonse izina **ITANGISHAKA** ku mazina asanganywe NOHERI Alphonse, akitwa **ITANGISHAKA Noheli** mu Irangamimerere.;

Impamvu atanga ni uko amazina ITANGISHAKA Noheli ari amazina yiswe kuva mu bwana, ni nayo yabatijwe anayigiraho kuva atangiye kwiga;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Alphonse izina **ITANGISHAKA** mu mazina asanganywe NOHERI Alphonse, bityo akitwa **ITANGISHAKA Noheli** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA TUYISENGE KADOGO RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa TUYISENGE KADOGO mwene BUHIRE na NYIRAKAMANA, utuye mu Mudugudu wa Kaguruka, Akagari ka Nyamagana, Umurenge wa Remera, Akarere ka Ngoma, Intara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telephone n° 0782333296;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina KADOGO izina **Jean Bosco** ku mazina asanganywe TUYISENGE KADOGO, akitwa **TUYISENGE Jean Bosco** mu Irangamimerere.;

Impamvu atanga ni uko izina KADOGO rimutera ipfunwe.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina KADOGO izina **Jean Bosco** ku mazina asanganywe TUYISENGE KADOGO bityo akitwa **TUYISENGE Jean Bosco** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NKURIKIYINKA Jean Paul RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NKURIKIYINKA Jean Paul mwene MUDEREVU Innocent na KAMAGWERA Marie Chantal, utuye mu Mudugudu wa Gakenyeri, Akagari ka Bisenga, Umurenge wa Rusororo, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone N° 0783188351;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina NKURIKIYINKA izina **NKURIKIYIMANA** ku mazina asanganywe, NKURIKIYINKA Jean Paul, akitwa **NKURIKIYIMANA Jean Paul** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina NKURIKIYIMANA ari izina yiswe kuva akivuka anarikoresha mu byangombwa bye by'ishuri.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina NKURIKIYINKA izina **NKURIKIYIMANA** mu mazina asanganywe, NKURIKIYINKA Jean Paul, bityo akitwa **NKURIKIYIMANA Jean Paul** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NARWAKA Mireille RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NARWAKA Mireille mwene HABIMANA Zabulon na NARUKUMI NAMASOSO, utuye mu Mudugudu wa Uwamahoro, Akagari ka Rukiri II, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telephone N° 0781251215, akabarizwa no kuri telephone N° 0788454837;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina ye NARWAKA Mireille, agasimbuza izina NARWAKA izina NYIRARWAKA, akitwa **NYIRARWAKA Mireille** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko akivuka ababyeyi be bamwise NYIRARWAKA Mireille ariko kubera ko yavukiye mu gice cy'Igihugu cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, aho kuvuga umugemo **NYIRA**, bitari bimenyerewe, ahubwo bakavuga **NA**, bityo izina NYIRARWAKA riza kwandikwa NARWAKA ubwo bamubaruzaga kubera imvugo uwamwandikishije yari amenyereye.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina NARWAKA izina NYIRARWAKA mu mazina asanganywe, NARWAKA Mireille, bityo akitwa **NYIRARWAKA Mireille** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA BURASA Jacqueline RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa BURASA Jacqueline mwene BURASA Stanislas na NYIRANGAMIJE Devota, utuye mu Gihugu cy'Ubudage, Prinzendstr 161,53175 Bonn, uboneka kuri telephone n° +491604418083;

Mu Rwanda, abarizwa mu Mudugudu wa Kirwa, Akagari ka Nyakabanda II, Umurenge wa Nyakabanda, Akarere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali, no kuri telephone N° 0788738918 ya Me UWIZEYIMANA Vénuste;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe, BURASA Jacqueline, akayasimbuza amazina **NININHAZWE Mireille**, akitwa **NININHAZWE Mireille** mu Irangamimerere.;

Impamvu atanga ni uko yagiye mu Gihugu cy'Ubudage gushaka imibereho myiza, biza kuba ngombwa ko amazina BURASA Jacqueline, ayasimbuza amazina *NININHAZWE Mireille* kubera ko mu bihe yagiye, bashoboraga kumusubiza mu gihugu yaturutsemo atageze ku ntego yari afite yo kugira imibereho iruta iyo yari afite, aza kwitwa **NININHAZWE Mireille**, ubu akaba yarabonye Ubwenegihugu bw'Ubudage, Urwandiko rwe rw'Abajya mu Mahanga rw'iki gihugu rukaba rwanditsemo amazina **NININHAZWE Mireille**;

Indi mpamvu ni uko ashaka kugira umwirondoro umwe mu byangombwa bye byose, mu Rwanda nk'uko uri mu gihugu cy'Ubudage n'ahandi hose yagana ku isi nk'umuntu umwe, bityo agire uburenganzira aheshwa no kugira umwirondoro umwe mu byangombwa bye byose.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura amazina asanganywe, BURASA Jacqueline, akayasimbuza amazina **NININHAZWE Mireille**, bityo akitwa **NININHAZWE Mireille** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.



**ICYEMEZO N° RCA/0710/2009 CYO KU WA 06/04/2009 GIHA UBUZIMAGATOZI  
«COOPERATIVE DES ELEVEURS DES ABEILLES-ABAKORANABUSHAKE»  
(COEA- ABAKORANABUSHAKE)**

**Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo ku wa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 16/2008 ryo ku wa 11/06/2008 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **COEA- ABAKORANABUSHAKE** » ifite icyicaro i Nyamasheke, Umurenge wa Mulinga, Akarere ka Nyabihu, Intara y’Iburengerazuba, mu rwandiko rwe rwo ku wa 12 Ugushyingo 2008;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya 1:**

Koperative « **COEA - ABAKORANABUSHAKE** » ifite icyicaro i Nyamasheke, Umurenge wa Mulinga, Akarere ka Nyabihu, Intara y’Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative « **COEA - ABAKORANABUSHAKE** » igamije guteza imbere ubworozi bw’inzuki bwa kijyambere. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Iki Cyemezo kigira agaciro guhera umunsi cyatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

**Kigali, ku wa 06/04/2009**

(Sé)  
**MUGABO Damien**  
Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu  
gishinzwe guteza imbere Amakoperative

**ICYEMEZO N° RCA/0054/2020 CYO KU WA 14/02/2020 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE «KOTURU KANZENZE »**

**Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo ku wa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **KOTURU KANZENZE** » ifite icyicaro i Kirerema, Umurenge wa Kanzenze, Akarere ka Rubavu mu Ntara y’Iburengerazuba;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya 1:**

Koperative « **KOTURU KANZENZE** » ifite icyicaro i Kirerema, Umurenge wa Kanzenze, Akarere ka Rubavu mu Ntara y’Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative « **KOTURU KANZENZE** » igamije guteza imbere ubuhinzi n’ubucuruzi bw’imboga. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Icyemezo N° RCA/0325/2017 cyo ku wa 19/06/2017 gikuweho.

**Ingingo ya 4:**

Koperative « **KOTURU KANZENZE** » itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

**Kigali, ku wa 14/02/2020**

(Sé)

**Prof. HARELIMANA Jean Bosco**  
**Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu**  
**gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N° RCA/0027/2020 CYO KU WA 05/02/2020 GIHA UBUZIMAGATOZI  
«FARMERS OF RWINKWAVU RABBITS RACE COOPERATIVE » (F.R.R.R.CO)**

**Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo ku wa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **F.R.R.R.CO** » ifite icyicaro i Nkondo, Umurenge wa Rwinkwavu, Akarere ka Kayonza, Intara y’Iburasirazuba;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya 1:**

Koperative « **F.R.R.R.CO** » ifite icyicaro i Nkondo, Umurenge wa Rwinkwavu, Akarere ka Kayonza, Intara y’Iburasirazuba, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative « **F.R.R.R.CO** » igamije guteza imbere ubworozi bw’inkwavu. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Koperative « **F.R.R.R.CO** » itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

**Kigali, ku wa 05/02/2020**

(Sé)

**Prof. HARELIMANA Jean Bosco**

**Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu  
gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N° RCA/0055/2020 CYO KU WA 21/02/2020 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « DUTEZIMBERE UBWOROZI BW'INKA ZA KIYAMBERE - IMBABAZI » (KODUIKI - IMBABAZI)**

**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo ku wa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **KODUIKI - IMBABAZI** » ifite icyicaro mu Kagari ka Muringa, Umurenge wa Muringa, Akarere ka Nyabihu, Intara y'Iburengerazuba;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya 1:**

Koperative « **KODUIKI-IMBABAZI** » ifite icyicaro mu Kagari ka Muringa, Umurenge wa Muringa, Akarere ka Nyabihu, Intara y'Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative « **KODUIKI-IMBABAZI** » igamije guteza imbere ubworozi bw'inka za kiyambere. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Koperative « **KODUIKI - IMBABAZI** » itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

**Kigali, ku wa 21/02/2020**

(Sé)  
**Prof. HARELIMANA Jean Bosco**  
**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu**  
**gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N° RCA/0048/2020 CYO KU WA 13/02/2020 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « ICYEREKEZO BUSORO »**

**Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo ku wa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative **ICYEREKEZO BUSORO** » ifite icyicaro mu Kagari ka Masangano, Umurenge wa Busoro, Akarere ka Nyanza, Intara y’Amajyepfo;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya 1:**

Koperative « **ICYEREKEZO BUSORO** » ifite icyicaro mu Kagari ka Masangano, Umurenge wa Busoro, Akarere ka Nyanza, Intara y’Amajyepfo, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative « **ICYEREKEZO BUSORO** » igamije guteza imbere ubuhinzi bw’imyumbati n’ibigori. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Koperative « **ICYEREKEZO BUSORO** » itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

**Kigali, ku wa 13/02/2020**

(Sé)

**Prof. HARELIMANA Jean Bosco**  
**Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu**  
**gishinzwe guteza imbere Amakoperative**